



AMABWIRIZA YO GUKORESHA BIOFIX

1. Kuvanga garama 30g z'umurenda (cyangwa utuyiko tubiri tw'isukari) muri 300ml z'amazi meza kandi y'akazuyaze mu icupa rya fanta hanyuma ukazunguza neza kugirango bivangike.
2. Kuzuza idebe cyagwa ikindi gikoresho gipima 15 Kg by'iminyamisogwe bigira intete z'umubyimba munini, ingeri : ibishyimbo, amashaza ; cyangwa se 10 by'iminyamisogwe bigira intete z'umubyimba muto, ingeri : Luzerine, desmodiumu cyangwa garame z'icyatsi.
3. Gusuka ibiro 15 by'intete z'ikinyamisogwe zo mu idebe mu cyindi gikoresho zishobora kujyamo.
4. Gusuka umushonge wa gamu arabic n'isukari ku ntete z'ikinyamisogwe mu ibasi cyangwa mu kindi gikoresho.
5. Kuvanga intete z'ikinyamisogwe mu umushonge wa gamu arabic n'isukari kugeza ubwo intete zitoha.
6. Mu gukoresha ubwoko bwiza bwa BIOFIX ku ntete z'ikinyamisogwe, basuka umuti wo mu ipaki ku ntete zitose mu ibasi cyangwa ikindi gikoresho.
7. Bavanga intete z'ibikinyamisogwe n'umuti wa rizobiymu kugeza ubwo intete zose zikwirwaho uwo mutiwa rizobiymu.
8. Kurinda intete zatewe umuti wa rizobiymu imirasire y'zuba, batwikiriza ibasi igipapuro, igitambaro cyangwa umufuka bakarekeraho igicucu kugeza zitewe.
9. Intete ziteye umuti ziterwa vuba kandi mu butaka buteguye

BIOFIX
Legume Inoculant
Manufactured & Distributed by MEA Ltd.
under licence from the University of Nairobi



Contact us

Mombasa

Mitchell Cotts Offices

Shimanzi, opp. KPA Clinic

Tel: +254 (041) - 2225509/5229609

Fax: +254 (041) - 041-2226181

Nairobi – Headquarters

New Rehema House

3rd Floor Rhapta Road, Westlands

P.O Box 44480-00100 Nairobi

Tel: +254 20 4453701/2/3

Fax: +254 20 4453704

Mobile: +254 735-440267, +254 724-253312

Email: info@mea.co.ke

Website: www.mea.co.ke

Nakuru

MEA Ltd. Factory

Stanley Mathenge Road

P.O Box 1018 – Nakuru

Tel: +254 (051) 2212220

Fax: +254 (051) 22122920

Eldoret

Vishva Builders Godown

Sirikiwa Street

Behind Central Bank

Off Uganda Road

P.O Box 6657 - Eldoret

Tel / Fax: +254 (053) 2032440

Kitale

MEA Kitale

Opp. Bongo Hotel, Bank Street

P.O Box 1914 – Kitale

Tel: +254 (054) 30816

Fax: +254 (054) 31580

BIOFIX
Legume Inoculant





GUTERA U MUTI WA RIZOBYUMU KU NTETE Z'IKINYAMISOGWE BIVUGA IKI ?

Ni igikorwa gituma udukoko twa rizobiumtu tuvangwa n'intete z'ikinyamisogwe cyangwa se imizi y'icyo kinyamisogwe. Abahinzi benshi bagiye bashyira ubukoko bwa rizobiyumu ku mizi y'ibinyamisogwe mu bihe bya kera, bafata ubutaka mu mirima yatanze rizobiyumu nyinshi bakabushyira mu mirima bashaka guteramo ibindi binyamisogwe. Ubwo buryo buratinda kandi burakomeye kubera ko bisaba gutwara ubutaka bwinshi cyan, kandi ntibyoroshye. Uburyo bushya ni ubwo bugizwe na rizobiyumu nzima zihingwa muri laboratwari, nyuma zikazashyirwa umuhinzi nk'umuti ukoze mu mazi cyangwa ifu. Haba harimo amamiriyoni ya za rizobiyumu muri garama imwe, ibyo bigakorwa nk'umwihariko wo gutuma ikinyamisogwe kibasha gukurura azoti nyabuzima (BNF). Mu magarama 300 y'umuti wa rizobiyumu ugezweho w'agaciro ko hejuru, harimo umubare wa rizobiyumu ungana n'uri muriton 4 z'ikamyo y'itaka ryavuye aheze ikinyamisogwe kikagira imizi iriho rizobiyumu nyinshi. Iyo miti mishya ya rizobiyumu isigwa ku ntete z'iki yabimisogwe cyangwa igashyirwa mu butaka nk'ifumbire y'utubuye. Iyo miti shobora kubamo rizobiyumu z'ubwoko bumwe cyangwa bwinshi. Gutera uwo muti ni uburyo bworoshye kandi buhendutse ugereranyije no gutera ifumbire. Itandukaniro rya ry'imiti ya rizobiyumu n'amafumbire ni uko iyo miti itagira ingaruka iyo ikoreshejwe ku gipimo cyinshi.

KUKI UMUHINZI UGOMBA GUKORESHA IMITI YA RIZOBYUMU

- *Mu gukoresha amafumbire make*

Intete z'ikinyamisogwe zashyizweho rizobiyumu bigabanya cyangwa bigakuraho burundi gukenera azoti. 69% by'umwuka bigizwe na azoti kandi ikinyamisogwe cyasizwe rizobiumku ntete gishobora guhindura iyo azoti yibunza mu kirere kikanayikoresha.

- *Kongera umusaruro*


Ibinyamisogwe byose ku cyigereranyo cy'ibiro byinshi kuri eka (acre). Igipimo cya ngombwa giterwa n'ubushobozi bw'imigendekere yo gukurura azoti, n'ubwoko bw'ikinyamisogwe, uburebure bw'igihe cyahinzemo, n'urwego rw'emyunu ngugu mu butaka, n'azoti isanzwe iri mu butaka.

- *Mu rwego rw'ubukungu n'umutekano*

Gutera umuti wa rizobiyumu ku ntete ni uburyo bwiza butuma ikinyamisogwe gikurura azoti bikozwe na bagiteri zo mu rwego rwa rizobiyumu mu kongera umusaruro udahungabanyije ibindi binyabuzima. Uyu muti ukoresha ubarwa nk'amafumbire nyabuzima kandi atagira ingaruka ku bidukikije.

- *Kuvugurura imiterere y'ubutaka*

Ibimeraby'ibinyamisogwe bibora vuba kandi bisiga ifumbire nyabuzima mu butaka. Ibyo bifasha mu kuvugurura imiterere y'ubutaka mu bugenge, mu mitabire n'ibinyabuzima biburimo.



IBYINGENZI TUGOMBA KWITAHO

- Ubutaka bwinshi bwo muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara, bukennye ku munyu wa azoti kandi ntibugira fosifori ihagiye mu gukuza neza ikimera n'imizi yacyo.
- Buri kinyamisogwe kigira ubwoko bwacyo bwihariye bwa rizobiyumu igikoreshwaho.
- Umuti wa rizobiyumu urimo ibinyabuzima bizima bigomba kurindwa ubushyuhe n'izuba.
- Uwo muti iyo ubitswe nabi uhita wangirika.

GUSIGA U MUTI WA RIZOBIYUMU KU NTETE Z'IBINYAMISOGWE

Abahinzi bagomba gusiga umuti wa rizobiyumu ku ntete z'ibinyamisogwe mbere yo kuzitera, kugirango umubare mwinshi wa za rizobiyumu witegura gutangira gukorana n'imizi igihe imbuto zishyizwe mu butaka zitangiye kumera.

BIOFIX ni ifumbire nyabuzima ya ngombwa ikonerwa by'umwihariko n'ibinyamisogwe byinshi ku mpamvu zikurikira:

- Kuyikoresha biroroha
- Ibana neza n'ibidukikije
- Iberanye n'ubutaka bwacu
- Ntisaba imirimo myinshi
- Kuyifata no kuyitwara biroroha